ITAHWA RYA KILIZIYA YA SANTARALI YA SYIKI

Kuri uyu wa gatandatu tariki 23/01/2016, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yahaye Umugisha Kiliziya nshya ya Santarali ya Syiki ho muri Paruwasi KINUNU.

Ibyo birori byari byitabiriwe na bamwe mu basaseridoti bari baturutse hirya no hino muri Diyosezi ya Nyundo.

Ibyo birori kandi byo gutaha iyo Kiliziya byabimburiwe n’Igitambo cya Misa yatuwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.

Mu Ijambo rye, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yashimiye byimazeyo Abakristu b'iyo paruwasi ubushake bagaragaje kugira ngo iyo Ngoro y'Imana yuzure, kuko bitanze bikomeye bafatanije n'abasaseridoti bakorera ubutumwa muri iyo Paruwasi.